Igifinwa

# KUBERA IKI AMAKURU BWITE YANJYE YOHEREZWA MURI EURODAC?

Ubwoko bwa A

**ABASABA UBURINZI MPUZAMAHANGA**



KINYARWANDA

## KUBERA IKI MPAbWA AKA GATABO?

Wasabye uburinzi mpuzamahanga, buzwi kandi nk'ubuhungiro, muri iki gihugu.

Aka gatabo gatanga amakuru menshi ku makuru azabikwa n'inzego z'ubuyobozi kandi igihe kirekire.

## KUBERA IKI NGOMBA GUTANGA IBIKUMWE BYANJYE N'IFOTO YANJYE?

Inzego z'ubuyobozi zo muri iki gihugu zizafata ibikumwe byawe n'ifoto yawe. Aya makuru, hamwe n’andi makuru akuranga ndetse n’andi makuru afite aho ahuriye n’iki kibazo, azoherezwa mu ikusanyirizo r'amakuru rya Eurodac.

Eurodac ihuza ibyiciro runaka by'abantu batari abenegihugu b'igihugu cya EU+ n'ibikumwe byabo n'ifoto yabo.

Iri kusanyirizo ry'amakuru rikoreshwa n'ibihugu 31 bya EU+ bishobora gutunganya amakuru yawe kugira ngo bigere ku makuru yawe. Ibihugu bya EU+ biri ku rutonde ruboneka ku musozo w'aka gatabo.

## AMABWIRIZA AGENGA IMICUNGIRE Y'ABASABA UBUHUNGIRO N'ABIMUKIRA NI IKI?



Ibihugu bya EU+ byemeranyijwe ku itegeko bihuriyeho ryitwa Itegeko Rigenga Imicungire y'Abasaba Ubuhungiro n'Abimukira rifasha gufata icyemezo ku gihugu kigomba gusuzuma ubusabe bw'uburinzi mpuzamahanga. Iri tegeko kandi ryemerera ibihugu bya EU+ gufashanya niba igihugu kimwe cyakiriye ubusabe bwinshi cyane mu gihe kimwe.

Ufite garanti ko kimwe mu bihugu bya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe bw'uburinzi mpuzamahanga ariko udashobora guhitamo igihugu cya EU+ kizaba kibishinzwe. Igihugu gisuzuma ubusabe bwawe kizagenwa hashingiwe ku mabwiriza y'Itegeko Rigenga Imicungire y'Abasaba Ubuhungiro n'Abimukira.

Niba warimukiye mu kindi gihugu cya EU+ nta ruhushya ubifitiye maze bagafata ibikumwe byawe bwa kabiri, amakuru yawe yose ari muri Eurodac azabonwa n'inzego z'ubuyobozi z'icyo gihugu.

**Ubu uri mu** Igifinwa **kikaba ari igihugu cya EU+.**
**Ibihugu bya EU+ ni:**

- ibihugu 27 Bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (European Union, EU): Buligariya, Danemarike, Esipanye, Esitoniya, Finilande, Hongiriya, Korowasiya, Lativiya, Ligisamburu, Lituweniya, Malita, Otirishe, Polonye, Porutigali, Repubulika Irilande, Cekiya, Rumaniya, Shipure, Silovakiya, Siloveniya, Suwede, Ububiligi, Ubudage, Ubufaransa, Ubugereki, Ubuholandi, Ubutaliyani n'
- ibindi bihugu 4: Isilande, Lisensiteyine, Noruveje, Ubusuwisi.

# NI AYAHE MAKURU ABIKWA MURI EURODAC?



Amakuru akurikira buri gihe arabikwa:

- ibikumwe byawe
- ifoto yo mu maso hawe
- amazina yose ukoresha ubu cyangwa wakoresheje mugihe cyashize
- itariki yawe y'amavuko
- aho wavukiye
- ubwenegihugu bwawe
- igitsina cyawe
- amakopi y'umwirondoro cyangwa ibyangombwa by'inzira wakoresheje, niba biboneka, harimo amakuru ajyanye n'uburemere bwabyo
- indangamuntu y'umukozi wafashe ibikumwe byawe n'ifoto yawe n'amatariki amakuru yawe yafashweho kandi akoherezwaho
- igihugu wasabyemo uburinzi mpuzamahanga
- itariki wakozeho ubusabe bw'uburinzi mpuzamahanga.

Amakuru akurikira na yo azabikwa muri Eurodac nibiba ngombwa:

- igihugu gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe
- niba warimuriwe ahandi, igihugu cya EU+ wimuriwemo
- niba ubusabe bwawe bwaranzwe kandi ukaba udafite uburenganzira bwo kuguma mu bihugu bya EU+
- niba ubusabe bwawe bwarafashwe muri gahunda y'umupaka maze bukangwa cyangwa ubusabe bwawe bwarafashwe nk'ubwakuwemo
- amakuru yo muri viza izo ari zo zose wahawe n'igihugu cya EU+
- amakuru ku gihe icyo ari cyo cyose waviriye mu karere k'ibihugu bya EU+
- amakuru niba waremeye icyifuzo cy'uko wasubira ku bushake mu gihugu ukomokamo.

Ufite uburenganzira bwo guhabwa no kuvugurura amakuru atari yo abitse muri Eurodac no gusaba gusiba amakuru yawe niba yarakoreshejwe mu buryo butemewe n'amategeko. Ushobora kuvugisha umugenzuzi w'amakuru kugira ngo abikore. Amakuru y'itumanaho y'umugenzuzi w'amakuru ashobora kuboneka mu gatabo kitwa '**Ibyo ugomba kumenya bijyanye na Eurodac**'.

## AMAKURU BWITE YANJYE AZABIKWA IGIHE KINGANA GUTE MURI EURODAC?



Amakuru yawe azabikwa imyaka 10 maze ahite asibwa mu buryo bwikora.

Niba uhawe ubwenegihugu mu gihugu cya EU+ mbere y'ukoiki gihe kirangira, amakuru yawe azasibwa. Niba amakuru yawe asibwe, ibi ntabwo bizagira ingaruka kuri sitati yawe mu gihugu wahawemo ubwenegihugu.

## HABA HARI ANDI MAKURU AYO ARI YO YOSE ABIKWA MURI EURODAC?

Ibyavuye mu isuzuma ryawe ry'umutekano bizabikwa niba inzego z'ubuyobozi zarasanze ushobora:

- kuba ufite intwaro
- ukora ihohotera
- waragize uruhare mu byaha by'iterabwoba
- warakoze icyaha gikomeye byatuma utabwa muri yombi mu kindi gihugu cya EU+.

Muri ubwo buryo, bizafatwa ko ushobora guteza amakuba ku mutekano w'imbere mu gihugu. Ibi bizabikwa muri Eurodac hamwe n'impamvu igaragara cyangwa impamvu zasobanuwe aha hejuru.

Niba ibihugu bya EU+ bitakigufata nk'uteje amakuba ku mutekano w'imbere mu gihugu, aya amakuru azasibwa.

Ufite uburenganzira bwo guhabwa no kuvugurura amakuru atari yo abitse muri Eurodac no gusaba gusiba amakuru yawe niba yarakoreshejwe mu buryo butemewe n'amategeko. Ushobora kuvugisha umugenzuzi w'amakuru kugira ngo abikore. Amakuru y'itumanaho y'umugenzuzi w'amakuru ashobora kuboneka mu gatabo kitwa '**Ibyo ugomba kumenya bijyanye na Eurodac**'.

# INYANDIKO ZANJYE

## INYANDIKO ZANJYE

Aka gatabo kagamije gutanga amakuru gusa. Ubwako ntikarema uburenganzira cyangwa inshingano. Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishinzwe Ubuhungiro (European Union Agency for Asylum, EUAA) cyatanze igice cy'ingenzi cy'iyi nyandiko, kandi gucapurura no guhindura aka gatabo bitangirwa uruhushya na EUAA ku Bihugu Binyamuryango bya EU gusa. EUAA ntabwo yemera uruhare cyangwa uburyozwe ubwo ari bwo bwose ku birebana n’ukuri, ibikubiyemo, kwuzura, kubahiriza amategeko cyangwa kwizerwa kw’amakuru ari muri aka gatabo yatanzwe n’Ibihugu Binyamuryango bya EU cyangwa n’undi muntu ubishinzwe. Yaba EUAA cyangwa umuntu uwo ari we wese ukora mu izina rya EUAA abazwa imikoreshereze ishobora gukorwa ku makuru aboneka muri aka gatabo.

© European Union Agency for Asylum (Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishyinzwe Ubuhungiro), 2025